bpr BANK

## ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMIGABANE BA BPR BANK RWANDA PLC

BPR Bank Rwanda Plc iramenyesha abanyamigabane abari abanyamuryango ba Banki z'Abaturage kugeza kuwa 31 Nyakanga 2007, bakaba batariyandikisha mu buryo bwuzuye nk'abanyamigabane ba Banki, basabwa kugera kw'Ishami ribegereye mbere y'Itariki ya 30 Nzeli 2022 bagatanga cyangwa bakuzuza umwirondoro wabo n'aho babarizwa.

**Mukoroshya imigendekere myiza y'iki gikorwa, abanyamigabane barasabwa gukora ibi bikurikira:**

1. Kwegera ahari Ishami rya BPR Bank Rwanda Plc riri hafi yawe, ugasaba umukozi ushinzwe kwakira abakiliya ko amufasha kureba niba ari ku rutonde rw'abanyamuryango (ubu bitwa abanyamigabane):

a. Niba usanze uri ku rutonde rw'abanyamigabane, urasabwa gutanga umwirondoro wawe n'aho wafatiye ibibaranga, nimero za telephone na aderesi ya imeli. Niba usanze hari ikosa mu myandikire y'amazina yawe, cyangwa se hari ikinyuranyo mu mibare y'imigabane yawe, wabimenyesha umukozi wakwakiriye kugira ngo abikosore.

b. Niba usanze utari ku rutonde rw'abanyamigabane, urasabwa gutanga icyemezo kigaragaza ko kokouru umunyamigabane.

2. Niba wari umunyamigabane wa Banki z'Abaturage zirenze imwe, saba bakurebere ko uri ku rutonde rwaho maze wubahirize ibivugwa hejuru 1(a) cyangwa 1 (b)

3. Niba ufite uwo mu muryango wawe (uwo mwashakanye, umwana, ...) ukeka ko yari umunyamuryango w'imwe muri Banki z'Abaturage, reba niba ari ku rutonde, hanyuma:

a. Ubimumenyeshe maze umusabe aze yiyandikishe
b. Niba yaritabye Imana, wamenyesha umuzungura we akaza kwiyandikisha yitwaje icyemezo kimwemerera kuzungura.

**Ubuyobozi bwa BPR Bank Rwanda Plc burabashimira ubufatanye mudahwema kuyigaragariza.**
**Abantu bifuza ibindi bisobanuro, mwahamagara kuri 1500.**

MOBILE BANKING | ONLINE BANKING | CARD BANKING | ATM | AGENCY BANKING

CONTACT US TODAY
+250 788 187 200 | +250 0788 140 000 contactus@bpr.rw | info@bpr.rw P.O Box 1348 Kigali, Rwanda
BPR BANK RWANDA